

Ni ngombwa kugira indangamuntu kugira ngo mpabwe urukingo rwa COVID-19 KU BUNTU?



Buri wese ashobora guterwa urukingo. SI NGOMBWA ko uba ufite ubwishingizi bw'ubuzima, kuba umunyamerika cyangwa umuturage w'Amerika. Si ngombwa kugira numero y'ubwiteganyirize kugira ngo uhabwe urukingo, ariko abatanga inkingo bashobora kuyigusaba kugira ngo bazishyurwe inkingo batanze.

Niba utibuka numero yawe y'ubwiteganyirize cyangwa ukaba ntayo ufite, wasubiza "oya" igihe bakubajije. Nta makuru yawe baha abashinzwe abinjira n'abasohoka cyangwa abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko.

Uru rukingo ni UBUNTU kuri buri wese. Niba ufite ubwishingizi, abatanga inkingo bashobora guha fagitire umwishingizi wawe kugira ngo ukingirwe, ariko nta mafaranga ugomba gucibwa cyangwa ngo uhabwe fagitire nyuma.

Ugomba kwitwaza ikintu kiriho amazina yawe (nk'indangamuntu iriho ifoto, fagitire y'igikorwa rusange cyangwa ibaruwa iriho umukono w'umuntu uvuga ko uri uwo uvuga ko uri we).

Ingero za bumwe mu bwoko bw'indangamuntu wakoresha zanditseho amazina yawe:



Indangamuntu yatanzwe n'igihugu cy'amahanga



Ikarita yatanzwe n'ishuri




I-94



Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga cyangwa urwandiko rw'abajya mu mahanga twarangije igihe



Amarita ahesha abantu uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga mu kindi gihugu



Fagitire y'igikorwa rusange



Ikintu cyangombwa cyose kiriho amazina yawe



Ikarita igaragaza ko ucumbikiwe